DOYENNE YA NYUNDO YAKIRIYE NYIRICYUBAHIRO MUSENYERI ANACLET MWUMVANEZA

Tariki 27/04/2016, Nyiricyubahiro Musenyeri Anaclet MWUMVANEZA, watorewe kuyobora Diyosezi ya Nyundo yasuye doyenné ya Nyundo. Icyo gikorwa kikaba cyabereye mu cyumba mberabyombi cya paruwasi ya Stella Maris Gisenyi. Abari batumiwe ni Abasaseridoti, Abihayimana n'abahagarariye abakristu muri za paruwasi. Ariko aho ngaho hakaba hahuriye abo muri paruwasi Gisenyi, Muhato na Busasamana.

Ba padiri bakuru ba za paruwasi bahawe umwanya wo kuvuga uburyo iyogezabutumwa rikorwa muri za paruwasi zabo. Ahanini bakaba bavugaga uko bafasha abakristu mu gutura Igitambo cy'Ukaristiya, ibijyanye n'Imiryango y'Agisiyo Gatolika n'amakoraniro y'abasenga, ibigo by'amashuri, Amatsinda y'Abana, urubyiruko, imiryangoremezo, abarwayi, imishinga yo kwiteza imbere n'ibindi.

Musenyeri J.M.V NSENGUMUREMYI, wari waje aherekeje Nyriricyubahiro Musenyeri Anaclet MWUMVANEZA, yavuze ko impamvu y'iki gikorwa ari ukugira ngo, mbere y'uko Musenyeri mushya yambarana impeta na Diyosezi ya Nyundo, ashaka kugenda asura hirya no hino kugira ngo agire ishusho y'abo agiye kwambarana na bo impeta. Arashimirwa ko yemeye kwigora kandi n'abitabiriye barashimirwa ko bari kumuha ishusho ya za paruwasi babarizwamo.

Abapadiri bandi, abihayimana n'abahagarariye abakristu bahawe umwanya batanga ibitekerezo. Buri muryango w'abihayimana muri buri paruwasi wagiye uhabwa umwanya wo gusobanura imikorere yawo. Mu bitekerezo byatanzwe hari uko muri diyosezi habaho igitabo-ngengamikorere kigafasha mu buzima n'imicungire y'umutungo kandi hakabaho ibifasha kuwucunga neza. Ikindi ni uko hagombye kubaho ubufatanye nk'uko bigenda muri za diyosezi zimwe na zimwe aho paruwasi zishyira hamwe ubushobozi zifite kugira ngo izifashije kurusha izindi zijye zizifasha.

Nyriricyubahiro Musenyeri Anaclet MWUMVANEZA na we yavuze ko mbere y'uko tugera ku itariki 21/05/2016, agahabwa inkoni y'ubushumba, yumvise ko atagombaga gutegereza ngo azaze kuri uwo munsi, maze atangire kuyobora Diyosezi atarayimenya. Ni inama yagiriwe na Nyiricyubahiro Musenyeri Thaddée NTIHINYURWA, Arikepiskopi wa Kigali. Umwepiskopi yijeje abari aho ko namara guhabwa inkoni y'ubushumba azasura paruwasi zose. Yashimiye ubwitabire bw'abatumiwe n'ubwo bari bafite byinshi byo gukora. Arashimira Musenyeri Alexis HABIYAMBERE, kuko ubwo nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu mwaka w'1994, Diyosezi ya Nyundo yapfushije abapadiri benshi none kugeza ubu Diyosezi ya Nyundo ikaba ifite umubare w'abapadiri usumba uwa zimwe mu zindi diyosezi.

Umwepiskopi ntabapadiri ntacyo yashobora n'ubwo yaba afite imbaraga zingana zite. Arishimira ko muri za paruwasi yasuye harimo imiryango y'abihayimana kuko babera abakristu urumuri kandi bakabafasha byinshi. Arasaba komite zihagarariye abakristu gukomeza kwitangira paruwasi zabo kuko n'ubwo padiri yimuka bo ntibimuka kandi na paruwasi ntayimukana. Yishimiye gahunda iri muri za paruwasi yitwa : « ***Twiyubakire paruwasi*** ». Arishimira kandi umurongo abapadiri bafite hirya no hino wa « ***pastorale de proximité*** », ibyo bikabaragazwa n'uko bajya gusoma Misa muri za Santarali anasaba ko aho bishoboka no mu mibyizi bajya babikora, no gusura abarwayi.

Arasaba abapadiri kwita ku bigo by'amashuri kugira ngo uburere abana bakuramo bujye bukomeza kubagirira akamaro na nyuma yo kuva ku ishuri. Arasaba ko hajya habaho imicungire myiza y'umutungo wa Kiliziya ugacungwa neza mu bufatanye. Yavuze ko ari ugukomera kuri Foyer Monseigneur Aloys BIGIRUMWAMI kuko ari umurage ukomeye muri Diyosezi ya Nyundo akaba asaba ko yakongererwa imbaraga kugira ngo abantu bayikeneye barusheho kuyibonamo. Yasoje ashima ubufatanye bamwijeje abibutsa ko azabasura ku buryo bwihariye muri za paruwasi no muri bimwe mu bigo by'amashuri.

Mu gusoza nk'uko mubibona kuri iyi foto yashyikirijwe impano y'urwibutso na ba padiri bakuru ba za paruwasi.

Mu rwego rwo gukomeza gusura Doyenné ya Nyundo, yahavuye ajya guhura n'abo muri paruwasi Katedrali ya Nyundo ku Nyundo.

Padiri Emmanuel BAMPORINEZA